

# **Inshamake isobanuye y'amabwiriza yerekeye inkunga y'amafaranga itangwa n'Ibitaro by'abana bya Deyitoni(Dayton)**

Bidahabanye n'intego yabyo yo gutanga serivisi zose z'ubuvuzi kandi bibikoranye urukundo bituma ubuzima bw'ababigana burushaho kumera neza, Ibitaro by'abana bya Deyitoni(Dayton) byiyemeje gutanga inkunga y'amafaranga kuri buri muntu wese ukeneye ubufasha bwihutirwa cyangwa ubundi buvuzi bwa ngombwa mu gihe uwo muntu yaba nta bwishingizi afite, cyangwa afite ubwishingizi kuri bimwe na bimwe, cyangwa atemerewe gufashwa n'izindi gahunda za leta, cyangwa mu gihe yaba adashoboye kwiyishyurira kubera ibihe by'ubukungu arimo.

## **Ubuvuzi bwemerewe.**

Inkunga y'Amafaranga itangwa hashingiwe ku mabwiriza yerekeye inkunga y'amafaranga(FAP) itangwa mu gihe hakenewe ubufasha bwihutirwa cyangwa ubundi buvuzi bwa ngombwa Ibitaro by'abana bya Deyitoni bigenera Abarwayi babwemerewe.

## **Ibisabwa ku murwayi kugira ngo yemererwe.**

Gahunda y'inkunga y'amafaranga itangwa n'Ibitaro by'abana bya Deyitoni(Dayton) ihabwa abarwayi badafite ubwishingizi n'abiyishyurira amafaranga arenga ku bwishingizi bwabo bujije ibisabwa mu rwego rw'imari hashingiwe ku itangwa n'isuzuma ry'amakuru n'ibyemezo bikwiye(Abarwayi bemerewe). Gahunda y'inkunga y'amafaranga(FAP) ni gahunda y'imfashanyo ishingiye ku mafaranga yinjizwa n'umuryango w'umurwayi. Abarwayi bafite imiryango yinjiza amafaranga angana cyangwa ari muni ya 400% y'Ibipimo by'ubukene byashyizweho na Leta zunze ubumwe za Amerika(FPG) nibo bemerewe inkunga y'amafaranga hashingiwe ku bipimo birutana mu buryo bikurikira:

### **IKICIRO CY'AMAFARANGA YINJIZWA**

### **IGABANYIRIZWA %**

Amafaranga yinjizwa $\leq$ 100%(FPG)	100% Ubufasha
Amafaranga yinjizwa $>$ 100% na $\leq$ 200%(FPG)	80% Ubufasha
Amafaranga yinjizwa $>$ 200% na $\leq$ 300%(FPG)	60% Ubufasha
Amafaranga yinjizwa $>$ 300% na $\leq$ 400%(FPG)	15% Ubufasha

Ingoboka ijyanye na COVID-19: Haseguriwe amakuru yatanze haruguru, kuri serivisi z'ubuvuzi zatanze guhera muri Mata 2020 kugeza muri Kamena 2021, Dayton Children's (Ibitaro by'abana bya Dayton) ishobora kwemerera abarwayi irindi gabanyirizwa ry'ingoboka ry'amafaranga ajyanye n'ubuvuzi bwa COVID-19 ku mafaranga agomba kwishyurwa n'umurwayi. Kugira ngo umurwayi/umuryango wemererwe iri gabanyirizwa, bagomba kwandika basaba inkunga y'amafaranga mu buryo busanzwe bwo gusaba nk'uko bwagaragajwe muri aya mabwiriza. Muri icyo gihe, kuzuzwa neza ubu buryo bw'isaba bizatuma umurwayi/umuryango wemererwa igabanyirizwa ku mafaranga bari kwishyura. Iri gabanyirizwa rizajya ritangwa mu bubasha bw'Ibitaro by'Abana bya Deyitoni(Dayton Children's Hospital) mu bihe bifitanye isano n'ingaruka za COVID-19 zabaye mu gace k'abagize umuryango mugari wa Deyitoni(Dayton).

Abarwayi bafite imiryango yinjiza hejuru ya 400% y'Ibipimo by'ubukene byashyizweho na Leta zunze ubumwe za Amerika bashobora gukomeza kwemererwa inkunga y'amafaranga itangwa mu bihe by'amage hashingiwe ku muntu ubwe. Amafaranga umurwayi yakoresheje n'ayo agomba kwishyura nayo ashingirwaho mu isuzuma rigamije kwemeza niba yemerewe inkunga. Abarwayi bitezweho kugira uruhare mu kwishyura serivisi bahabwa hashingiwe k'uko umurwayi ubwe ahagaze mu bukungu; bityo, buri dosiye isuzumwa ukwayo. Inkunga y'amafaranga ntabwo ifatwa nk'ubundi buryo bwo kwishyura, kandi abarwayi bashobora gufashwa kubona ubundi buryo bwo kwishyura cyangwa indi nkunga y'amafaranga mbere yo kwemererwa muri Gahunda y'inkunga y'amafaranga itangwa n'Ibitaro by'abana bya Deyitoni(Dayton Children's Hospital).

Nta murwayi wemerewe inkunga uzishyuzwa andi mafaranga y'ubuvuzi bwihutirwa cyangwa ubundi buvuzi bwa ngombwa arenga ku mafaranga yishyuzwa muri rusange(AGB) ku barwayi bafite ubwishingizi bwishingira ubwo buvuzi.

## **Ibyerekeye uburyo bw'isaba.**

Uburyo bwo kwandika usaba inkunga y'amafaranga hashingiwe ku mabwiriza yacu yerekeye inkunga y'amafaranga(FAP) bukubiyemo ibyiciro bikurikira:

1. Uzuza ifishi isabirwaho inkunga iteganywa n'amabwiriza yerekeye inkunga y'amafaranga(ikunze kwitwa FAA) kandi ushyiremo n'inyandiko zihamya amakuru arimo.
2. Inyandiko z'isaba zujijwe neza zishobora gutangwa mu buryo bukurikira: Koherereza ku iposita: Dayton Children's Hospital, Patient Family Financial Advocate, Department 1A, One Children's Plaza, Dayton, Ohio 45404-1815 no kuri fagisi: 937-641-6101, Uwo byoherejwe: Financial Advocate cyangwa hakoreshejwe imeyiri [FinancialAdvocates@childrensdayton.org](mailto:FinancialAdvocates@childrensdayton.org)
3. Ishami rishinzwe ubufasha mu by'amafaranga rizasuzuma inyandiko y'isaba yujijwe hamwe n'ibindi byangombwa watanze kugira ngo ryemeze ibyerekeye ukwemererwa kwawe.

4. Tuzaguhamagara cyangwa tukwandikire nihagira andi makuru akenerwa kugira ngo wuzuze ibijyanye n'isaba cyangwa igihe umwanzuro uzaba wafashwe. Twemerere iminsi 30 kugira ngo dusoze isuzuma.

**Aho wakura amakuru.**

Ushobora kubona kopi y'amabwiriza yacu yerekeye inkunga y'amafaranga(FAP) ku buntu n'ifishi isabirwaho inkunga iteganywa n'amabwiriza ku rubuga rwacu rwa enterineti [http://www.childrensdayton.org/cms/our\\_services/index.html](http://www.childrensdayton.org/cms/our_services/index.html) cyangwa ugahamagara Ishami ryacu rishinzwe ubufasha bw'amafaranga kuri 937-641-3555. Mu gihe ubisabye, Ishami ryacu rishinzwe ubufasha bw'amafaranga rizakohereza kopi itishyurwa y'amabwiriza yacu yerekeye inkunga y'amafaranga, ifishi isabirwaho inkunga ya FAP n'Inshamake isobanuye kuri aderesi watanze. Kopi itishyurwa y'amabwiriza yerekeye ubufasha bw'amafaranga, iy'ifishi isabirwaho inkunga n'iy'Inshamake isobanuye ziboneka kuri Dayton Children's Hospital, Patient Account Department, One Children's Plaza, and Dayton OH45404.

Izindi serivisi zishyuzwa ku ruhande n'abandi batari abakozi b'ibitaro by'abana bya Deyitoni(Dayton), nk'abaganga bigenga, ntibemererwa n'amabwiriza yacu yerekeye inkunga y'amafaranga(FAP).

Amabwiriza yacu yerekeye ubufasha bw'amafaranga(FAP), ifishi isabirwaho inkunga n'Inshamake isobanuye biboneka mu Cyongereza, Ikesipanyore n'Ikirusiya.